# REPUBULIKA Y'U RWANDA
## INTARA Y'AMAJYARUGURU
## AKARERE KA GAKENKE

Repubulika y'u Rwanda
Intara y'Amajyaruguru
Akarere ka Gakenke

# GAKENKE DISTRICT NEWSLETTER

**NZERI 2024**

## Inkuru wasoma

**AKARERE KA GAKENKE KASINYANYE IMIHIGO N'IMIRENGE, ABAYIYOBORA BASABWA GUHARANIRA KUBA IKIPE ITSINDA**

>>>Page, 2-3





**GAKENKE: HATANGIRIJWE ICYUMWERU CYO KWIMAKAZA IHAME RY'UBURINGANIRE**

>>>Page 6-8

**IBITARO BY'AKARERE KA GAKENKE BYAHAWE IMBANGUKIRAGUTABARA NSHYA ZUNGANIRA IZO BYARI BISANGANYWE**

>>>Page 8-9




**ABAYOBOZI B'AMASHURI BUNGIRIJE BASHINZWE AMASOMO BAHUGUWE KU NSHINGANO ZABO**

>>>Page 19



# AKARERE KA GAKENKE KASINYANYE IMIHIGO N'IMIRENGE, ABAYIYOBORA BASABWA GUHARANIRA KUBA IKIPE ITSINDA



Umuyobozi w'Akarere ka Gakenke, Madame Mukandayisenga Vestine, yayoboye umuhango wo gusinya Imihigo y'Umwaka w'Ingengo y'Imari wa 2024/2025, hagati y'Akarere n'Imirenge, aho hasinywe imihigo 109 ibumbatiye inkingi eshatu zirimo guteza imbere imibereho myiza, iterambere ry'ubukungu no guteza imbere imiyoborere myiza.

Uyu muhango wabereye mu cyumba cy'inama cy'Akarere ka Gakenke ku wa 17 Nzeri 2024, witabirwa n'Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge, Komite Nyobozi y'Akarere, Abayobozi b'amashami n'Inzego z'Umutekano.

Mbere yo gusinya iyi Mihigo Abanyamabanga Nshingwabikorwa babanje gusobanurirwa ko iyi mihigo igabanyijemo ibyiciro bitatu. Harimo icyo guteza imbere ubukungu gifite imihigo 24, guteza imibereho myiza y'abaturage gikubiyemo imihigo 61 no guteza imbere imiyoborere myiza gikubiyemo imihigo 24.

**Umuyobozi w'Akarere ka Gakenke Madame Mukandayisenga Vestine yavuze ko iyi mihigo iri mu nshingano za buri wese, byumwihariko ko hakenewe imbaraga zihariye mu guhangana n'ibibazo bibangamiye imibereho myiza y'abaturage.**



Umuyobozi w'Akarere Madame Mukandayisenga yasabye abanyamabanga Nshingwabikorwa ubufatanye mu kwesa imihigo

Madame Mukandayisenga yabibukije kandi ko bagomba guharanira ko buri mwana wese ugeze igihe cyo kujya ku ishuri ajyayo n'abarivuyemo bakarigarukamo no guharanira kwimakaza isuku n'isukura.

Ati "Gusinya imihigo ni umuhango, dushobora kubikora bikarangira ariko hari ibyo tugomba gukora. Ikindi twibukiranya ni uko tugiye muri gahunda y'Igihugu y'imyaka itanu (NST2). Birashoboka ko umaze muri aka kazi imyaka micye cyangwa myinshi ariko iyo hari gahunda y'Igihugu twese tuyigendamo."

Madame Mukandayisenga yababwiye ko icyo Akarere kabifuzaho ari uguharanira kuba ikipe itsinda kandi ko bishoboka ko babigeraho.

Ati "Urimo arimo, utarimo ntarimo ariko icyo twifuza nk'Akarere kacu kuko ubumwe bwacu arizo mbaraga zacu, ni uko twese tujyanamo imihigo dusinye twese tugakoraho, buri muntu agakora uruhare rwe, tukaba ikipe itsinda."



Abanyamabanga Nshingwabikorwa na Komite Nyobozi mu gikorwa cyo gusinya imihigo



Komite Nyobozi n'inzego z'Umutekano nibo bayoboye igikorwa cyo gusinya imihigo

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Ruli, Hakizimana Jean Bosco, yavuze ko ibikubiye muri iyi mihigo basinye nta kigoranye cyane kirimo, ikiri imbere ari uko buri wese abigira ibye, agaharanira guhesha ishema Umurenge ayobora n'Akarere muri rusange.

Madame Mukandayisenga yababwiye ko bagomba gushyira imbere gahunda zo gukemura ibibazo by'abaturage, cyane cyane byabindi bituma basiragira ku Karere kandi bimwe byakabaye bikemuka batarinze gukora ingendo baza ku Karere, bikababuza umwanya wo gukorera ingo zabo ngo biteze imbere.




Nyuma yo gusinya imihigo bafashe ifoto y'urwibutso



Bamwe mu banyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge bari bitabiriye igikorwa cyo gusinya imihiho

Bimwe mu bikubiye mu cyiciro cya kabiri cya Gahunda yo kwihutisha iterambere(NST2) banasabye gushyiramo imbaraga harimo kunoza imitangire ya Serivisi, kugabanya igwingira ry'abana bato no kurwanya imirire mibi, kunoza ireme ry'uburezi, guhanga imirimo mishya ibyara inyungu no guteza imbere ubucuruzi bw'ibyoherezwa mu mahanga.

# PEREZIDA W'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA GAKENKE BWANA MUGWIZA TÉLESPHORE, YAYOBOYE INAMA Y'INAMA NJYANAMA ISANZWE



°Incamake y'Ibyemezo byafashwe na Komisiyo zihoraho z'Inama Njyanama y'Akarere, Igihembwe cya mbere cya 2024/2025
°Imihigo y'Akarere y'Umwaka 2024/2025
°Ibikorwa bya Komite Nyob

Ku wa 29 Nzeri 2024, Mu cyumba cy'inama cy'Akarere ka Gakenke habere Inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Gakenke, iyoborwa na Perezida w'Inama Njyanama y'aka Karere Bwana Mugwiza Télesphore.





°Ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro yafashwe n'Inama Njyanama kuva manda 2021-2026 itangiye.

Zimwe mu ngingo baganiriyeho, bakanafataho imyanzuro harimo:
°Kwemeza inyandikomvugo y'inama ziherukaozi by'Amezi atandatu

# AKARERE KA GAKENKE KARI MUTUZUNGUKIRA MU MUSHINGA WA WORLD VISION UZAFASHA IMIRYANGO IKENNYE KWIKURA MU BUKENE

**Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, NIYONSENGA Aimé François, yitabiriye itangizwa ry'icyiciro cya kabiri cy'umushinga wa World Vision, ugamije gufasha imiryango iba mu bukene bukabije kubuvamo.**



Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, NIYONSENGA Aimé François niwe wahagarariye Akarere ka Gakenke



Abayobozi b'Uturere bungirije bashinzwe Iterambere ry'ubukungu ni bamwe mu bitabiriye iki gikorwa

**Uyu mushinga witwa THRIVE, icyiciro cyawo cya mbere World Vision yakoreraga mu Turere dutanu cyatangiye mu 2017, gisozwa 2023.**

**Ubwo icyiciro cya kabiri cyawo cyatangizwaga ku wa 24 Nzeri 2024, Ubuyobozi bw'umushinga bwabwiye Abayobozi b'Akarere bungirije bashinzwe Iterambere ry'Ubukungu bahagarariye Uturere 14 uzakorerwamo ko intego yawo ari ugufasha abaturage bari mu bukene bukabije kubuvamo.**

## AKARERE KA GAKENKE KAHAGARARIWE MU NAMA NKURU Y'IGIHUGU Y'ABANA



**Umuyobozi w'Akarere Wungirije ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu Bwana NIYONSENGA Aimé François, yitabiriye Inama Nkuru y'Igihugu y'abana yabereye mu Karere ka Huye, muri Kaminuza y'u Rwanda ku nsanganyamatsiko igira iti "Ejo Ni Njye".**

**Muri iyi nama Akarere ka Gakenke kari gahagarariwe n'abana 21 bahagarayiye abandi muri Komite z'abana mu Mirenge no ku Karere. Umushyitsi Mukuru muri iyi nama yari Minisitiri w'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango Madamu Uwimana Consolee, wanatanze impanuro z'ejo hazaza kuri abo bana.**

# GAKENKE: HATANGIRIJWE ICYUMWERU CYO KWIMAKAZA IHAME RY'UBURINGANIRE



Mu Karere ka Gakenke hatangirijwe icyumweru cyahariwe ibikorwa byo kwimakaza ihame ry'uburinganire, hasabwa ubufatanye mu gukumira no gukemura ibibazo bibangamiye umuryango Nyarwanda.

Iki cyumweru cyatangirijwe mu Murenge wa Ruli ku rwego rw'Intara y'Amajyaruguru kuri uyu wa 24 Nzeri 2024, gifite insanganyamatsiko igira iti "Twimakaze Ihame ry'Uburinganire, Dushyira Umuturage ku Isonga"

Ni ibirori byitabiriwe n'abashyitsi batandukanye barimo Minisitiri w'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango, Uwimana Consolée, Guverineri w'Intara y'Amajyaruguru, Mugabowagahunda Mourice, Umugenzuzi Mukuru w'iyubahirizwa ry'ihame ry'uburinganire, Nadine Gatsinzi Umutoni.

Hari kandi Umuyobozi w'Akarere ka Gakenke, Mukandayisenga Vestine, Umuyobozi w'Aka Karere wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage, Uwamahoro Marie Thérèse, inzego z'umutekano n'abandi bayobozi batandukanye.
Minisitiri Uwimana Consolée, yavuze ko Kugira ngo abana babeho nkuko Igihugu kibyifuza bisaba ko bakurira mu muryango mwiza, utekanye, utagira amakimbirane, ubaha icyo bifuza.



Minisitiri Uwimana yasabye umwihariko mu kurera abana Igihugu kifuza

Bimwe mu bibazo bibangamiye umuryango Minisitiri Uwimana yagarutseho harimo abangavu baterwa inda, abana bata ishuri, ikibazo cy'igwingira n'imirire mibi mu bana, amakimbirane yo mu muryango, avuga ko iki cyumweru gikwiye kuba umwanya wo kwisuzuma no kubifatira ingamba.



Umuyobozi w'Akarere ka Gakenke, Mukandayisenga Vestine yavuze ko hari byinshi byakozwe mu gusigasira ihame ry'uburinganire kandi bizakomeza gukorwa

**Minisitiri Uwimana ati "Iki cyumweru kidufashe kuzirikana ko turerera Igihugu maze dushishikarire kwirinda imirire mibi, dutoze ababyeyi kumva ineza y'ibigo mbonezamikurire, dukumire ibibazo bibangamiye abangavu."**



Umugenzuzi mukuru wa GMO, Umutoni Nadine, yasabye inzego zose gusigasira ibyagezweho mu kubahiriza ihame ry'uburinganire

**Umugenzuzi Mukuru w'iyubahirizwa ry'ihame ry'uburinganire, Nadine Gatsinzi Umutoni, yasabye inzego zose gukomeza gusigasira ibyagezweho no kwihutira gukemura ibibazo bikigaragara mu guteza imbere ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye.**

**Ati "Twifuza ko imiryango yose ibaho itekanye kandi igakorera abana bayo ndetse banakorera n'igihugu biteza imbere..Turakomeza gusaba Intara y'Amajyaruguru n'Abafatanyabikorwa gukomeza gusigasira ibyiza byagezweho mu kwimakaza ihame ry'uburinganire no kurwanya ihohotera rishingiye ku gitsina."**

**Umuyobozi w'Akarere ka Gakenke, Mukandayisenga Vestine, yagaragaje ko ihame ry'uburinganire muri aka Karere ryubahirizwa mu nzego zose no mu guhangana ku isoko ry'umurimo kandi gahunda ikomeje.**

**Ati "Tugomba gushyira imbaraga mu guhindura imigirire mibi yose ibangamira ihame ry'uburinganire."**

**Guverineri w'Intara y'Amajyaruguru, Mugabowagahunda Mourice yavuze ko iki cyumweru ari umwanya mwiza wo kwisuzuma buri wese akareba aho ahagaze mu gushyigikira iyubahirizwa ry'ihame ry'uburinganire, kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina no gufasha imiryango iri mu makimbirane kuyavamo.**

**Zimwe muri serivisi zizatangwa muri iki cyumweru kizasozwa ku wa 30 Nzeri 2024 harimo Ubugenzuzi kuri serivisi z'irangamimerere, Ubugenzuzi ku iyubahirizwa ry'ihame ry'uburinganire mu midugudu y'icyitegererezo, Inama n'abangavu bahohotewe bakabyara bikazakorwa ku rwego rw'Umurenge.**

**Hari kandi igikorwa cyo Gusezeranya imiryango yanditswe kandi yiteguye gusezerana hibandwa ku ibana idasezeranye, Inama n'ababyeyi bafite n'abarera abana bafite ubumuga bizakorwa ku rwego rw'Akarere, hazakorwa kandi umuganda udasanzwe n'ibiganiro mu itangazamakuru.**

## IBITARO BY'AKARERE KA GAKENKE BYAHAWE IMBANGUKIRAGUTABARA NSHYA ZUNGANIRA IZO BYARI BISANGANYWE




Ibitaro by'Akarere ka Gakenke aribyo Nemba, Gatonde na Ruli, byahawe imbangukiragutabara nshya eshatu, aho buri Bitaro byahawe imwe, yunganira izindi byari bisanzwe bifite mu gutanga ubutabazi bwihuse ku babukeneye.

Abayobozi bakuru b'ibi bitaro nibo bashyikirijwe izi Mbangukiragutabara na Ministeri y'Ubuzima ku wa 6 Nzeri 2024.

Ubusanzwe Ibitaro by'Uturere bikenera imbangukiragutabara muri serivisi zitandukanye zirimo gukura indembe mu bigo nderabuzima bikorera mu gace biherereyemo, kujyana indembe ku bitaro byisumbuye, gutanga ubutabazi ku barembeye mu rugo, ku nzira n'abakoze impanuka.

Umuyobozi Mukuru w'Ibitaro bya Nemba, Dr Habimana Jean Baptiste, yavuze ko ibitaro ayobora byari bisanganywe imbangukiragutabara zishaje zirimo imwe ifite ikibazo.

Ati "Twari dufite imbangukiragutabara nkeya, bikadutera ikibazo cyo gutabara abarwayi bakeneye ubutabazi. Izi rero zigiye kudufasha gutabara neza kandi vuba abakeneye ubutabazi."

Hakizimana Janvier wo mu Murenge wa Gakenke, usanzwe wivuriza ku Bitaro bya NEMBA, yavuze ko kuba ibi Bitaro byongerewe Imbangukiragutabara bizagirira umumaro abaturage basanzwe bahivuriza.

Ati "Urumva nk'igihe umurwayi arembeye ku Kigo Nderabuzima, hari ubwo usanga bifashe umwanya munini kugira ngo agezwe ku Bitaro kubera imbangukiragutabara yatinze kuhagera, wenda kuko yagiye kuzana undi murwayi ariko niba ziyongereye, abakeneye kujyanwa ku Bitaro bazajya bazibona, batabarwe hakiri kare."

Ubwo yashyikirizaga izi mbangukiragutabara abayobora ibitaro, Minisitiri w'Ubuzima Dr Nsanzimana Sabin, yabasabye kuzifata neza kugira ngo zikomeza kubafasha mu kugera ku muturage ukeneye ubutabazi uko bikwiye.

Ati: “Ni urugendo twari tumazemo iminsi nk’uko Umukuru w’Igihugu yari yabisabye, mu mezi abiri ashize hari Imbangukiragutabara 82 zari zatanzwe. Izi rero 114 zije ziyongeraho, aho dushaka ko mu gihe gito cyane, abaturage ibihumbi 20 baba bafite Imbangukiragutabara”.




Imwe mu Mbangukiragutavara zahawe Ibitaro by’Akarere ka Gakenke

Kuri ubu u Rwanda rugeze ku baturage ibihumbi 30 bakoresha Imbangukiragutabara nibura imwe, mu gihe Umuryango w’Abibumbye ubusanzwe usaba ko nibura abaturage bari hagati y’ibihumbi 40 n’ibihumbi 50 ari bo bagomba kuba bafite Imbangukiragutabara.

## ABAKANDIDA BIYAMAMARIZA KUBA BASENATERI BAHAWE IKAZE MU KARERE KA GAKENKE ‘BASABWA UMUSANZU MU ITERAMBERE’.

Abakandida biyamamariza guhagararira Intara y’Amajyaruguru mu Nteko Ishinga Amategeko, Umutwe wa Sena bahawe ikaze mu Karere ka Gakenke, basabwa gufasha Intara y’Amajyaruguru by’umwihariko aka Karere mu kuzamura iterambere n’imibereho myiza y’Abaturage bifashishije ubunararibonye bafite.

Ku wa 05 Nzeri 2024 nibwo Abakandida batatu bifuza guhagararira Intara y’Amajyaruguru mu Nteko Ishinga Amategeko Umutwe wa Sena, biyamamarije imbere y’Inteko Itora y’Akarere ka Gakenke.



Abo bakandida ni Amb Rugira Amandin, Dr Nyinawamwiza Laetitia na Dr Gatera Jean d’Amour.

Abo bakandida ni Amb Rugira Amandin, Dr Nyinawamwiza Laetitia na Dr Gatera Jean d’Amour.
Buri wese yahawe umwanya wo kwibwira Inteko Itora no kuyigezaho imigabo n’imigambi afitiye abanyarwanda, by’umwihariko Akarere ka Gakenke n’Intara y’Amajyaruguru.
Umuyobozi w’Akarere ka Gakenke, Madame Mukandayisenga Vestine, yashimiye abakandida bafashe umwanya wabo bakaza kugeza ku nteko itora, imigabo n’imigambi bafitiye Abanyarwanda ndetse n’abagize inteko itora baje kubatega amatwi.

Madame Mukandayisenga yavuze ko bitewe n'imirimo itandukanye abakandida bagiye bakora, uburambe n'ubunararibonye bafite bigoye kugira uwo wavuga ko atahagararira Abanyarwanda neza mu Nteko Ishinga Amategako Umutwe wa Sena.

Guverineri w'Intara y'Amajyaruguru, Bwana Mugabowagahunde Maurice, yavuze ko Intara y'Amajyaruguru by'umwihariko Akarere ka Gakenke biteze byinshi kuri aba bakandida biyamamariza kuyihagararira muri Sena.

Ati "Turifuza ko na nyuma y'ibi bikorwa bose uko ari batatu bazakomeza kuba hafi Intara yacu by'umwihariko Akarere ka Gakenke, tugakomeza tukungukira ku burambe n'ubunararibonye bafite, bakadufasha mu rugendo rwo gukomeza gutera imbere twese twihuse."



Madame Mukandayisenga yavuze ko abakandida bafite ubunararibonye ku buryo bigoye kuzahitamo



Guverineri Mugabowagahunde yasabye abakandida kuzakomeza kuba hafi Intara y'Amajyaruguru

Madame Mukandayisenga yavuze ko bitewe n'imirimo itandukanye abakandida bagiye bakora, uburambe n'ubunararibonye bafite bigoye kugira uwo wavuga ko atahagararira Abanyarwanda neza mu Nteko Ishinga Amategako Umutwe wa Sena.

Guverineri w'Intara y'Amajyaruguru, Bwana Mugabowagahunde Maurice, yavuze ko Intara y'Amajyaruguru by'umwihariko Akarere ka Gakenke biteze byinshi kuri aba bakandida biyamamariza kuyihagararira muri Sena.

Ati "Turifuza ko na nyuma y'ibi bikorwa bose uko ari batatu bazakomeza kuba hafi Intara yacu by'umwihariko Akarere ka Gakenke, tugakomeza tukungukira ku burambe n'ubunararibonye bafite, bakadufasha mu rugendo rwo gukomeza gutera imbere twese twihuse."

Guverineri Mugabowagahunde yavuze ko aba bakandida bafite ibigwi mu rwego rw'ubuhinzi kandi rukaba rufatiye runini Akarere ka Gakenke. Bafite kandi ubunararibonye mu burezi, imiyoborere no mu bukungu biri mu nkingi y'iterambere ry'abaturage.




Bamwe mu Bagize Inteko Itora y'Akarere ka Gakenke bari bitabiriye igikorwa cyo kwiyamamaza kw'Abakandida senateri

Amatora y'abagize Inteko Ishinga Amategeko Umutwe wa Sena azaba taliki ya 16 Nzeri 2024.

Sena y'u Rwanda igizwe n'Abasenateri 26 bamara manda y'imyaka itanu, yongerwa rimwe gusa kandi nibura 30 ku ijana bagomba kuba ari abagore.

Muri bo 12 batorwa n'inzego zihariye hakurikijwe Inzego z'imitegekere y'igihugu, umunani bashyirwaho na Perezida wa Repubulika na bane bagashyirwaho n'Ihuriro ry'Igihugu nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya politiki.

Ni mu gihe umwe atorwa mu barimu cyangwa abashakashatsi bo muri kaminuza no mu mashuri makuru bya Leta, mu gihe undi atorwa mu barimu cyangwa abashakashatsi bo muri kaminuza no mu mashuri makuru yigenga.

## ABABONEZA URUBYARO MURI GAKENKE BARENZE IBIHUMBI 69, ABAGABO BIFUNGISHIJE BURUNDU BASAGA 100

Uko Imyaka ishira indi igataha, umubare w'abaturage bitabira gahunda zo kuboneza urubyaro mu Karere ka Gakenke igenda urushaho kwiyongera bigizwemo uruhare n'ubukangurambaga bukorwa bukabafasha kumva akamaro kabyo bakabyitabira.

Imibare igaragaza ko ubwitabire bwo kuboneza urubyaro muri aka Karere igeze ku gipimo cya 67.4%, bangana n'abaturage 69537 mu baturage bari mu gihe cy'uburumbuke.

Mu Karere habarurwa abaturage basaga ibihumbi 103 bari mu gihe cy'uburumbuke. Ni ukuvuga abari hagati y'imyaka 15 na 49, banga na 27% by'abaturage ibihumbi 382 bahatuye.



Umwe mu miryango yahisemo uburyo bwo kuboneza urubyaro bw'igihe kirekire uvuga ko biwufasha mu igenamigambi

Ku wa 26 Nzeri 2024 ubwo Mu Karere ka Gakenke hizihirizwaga umunsi mpuzamahanga wo kuboneza urubyaro wari ufite Insanganyamatsiko igira iti "Amahitamo yawe ashingiye ku makuru nyayo ni ingenzi mu kuboneza urubyaro, Umuyobozi w'aka Karere Madame Mukandayisenga Vestine yavuze ko mu baboneza urubyaro, 44.5% bafata uburyo bw'igihe kirekire kiri hagati y'imyaka itatu n'icumi.

Ati “Muri Rusange mu Karere kacu abifungishije burundu ni abagabo 109 n’abagore 508. Abafata uburyo bwo kuboneza urubyaro bakimara kubyara ni 39% kubera ko tugifite ibigo bitanga serivisi z’ubuzima by’abihaye Imana.”

Madame Mukandayisenga Vestine yasobanuye ko gahunda zo kuboneza urubyaro zatangiye muri aka Karere zigenda bucye ariko ubukangurambaga bwakozwe abantu bagenda bitabira.

Ati “Iyi gahunda yatangiye bigenda bucye, mu 2020 twari kuri 56.7% ariko ubu tugeze kuri 67.4%. birerekana ko imyumvire yazamutse kandi kubyara abo dushoboye kurera ni inshingano.”

Madame Mukandayisenga Vestine yasobanuye ko kubyara abo umuntu ashoboye kurera bifasha mu igenamigambi ry’urugo no mu mibereho myiza y’abagize umuryango. Byongera kandi ubuzima bwiza bw’umugore kuko abona igihe cyo kwisubira, agatora imbaraga, akazongera kubyara nta kibazo agize.




Umwe mu miryango yahisemo uburyo bwo kuboneza urubyaro bw’igihe kirekire wo mu Murenge wa Nemba, Akagari ka Mucaca, uvuga ko byababfashije kubyara abana bashoboye Kurera. Ubu ufite abana bane, imfura yiga muri Kaminuza naho ukurikira akaba agiye gusoza amashuri yisumbuye




Ubwitabire bwo kuboneza urubyaro mu Karere ka Gakenke bugeze ku gipimo cya 67.4%

Mukamana Jeanne Perusi, umugore muri uwo muryango avuga ko iyo badahitamo uburyo bwizewe bwo kuboneza urubyaro batari kubasha kubishyurira ishuri. Ati “Murumva ko hari aho twavuye n’aho twageze kubera twaboneje urubyaro.”

Uyu mugore yavuze ko yakoresheje uburyo bw’ibinini, nyuma arahindura akoresha agapira k’imyaka itatu ariko abona atazaguma muri ibyo ahitamo gukoresha uburyo bw’igihe Kirekire.

Ati “Hari abavuga ko ubwo buryo Atari bwiza, ngo agapira bakagushyize mu mura, mugiye gukora imibonano mpuzabitsina umugabo akagezaho ukababara, ibyo ni ukubeshya. Nta mpinduka kagira uragenda ugatuza.”



Umuyobozi w'Akarere ka Gakenke Madame Mukandayisenga yavuze ko gahunda zo kuboneza urubyaro zizakomeza gushishikarizwa abaturage

Akarere ka Gakenke gafite ibitaro bitatu birimo bibiri by’Abihaye Imana n’ibigo Nderabuzima 23 birimo bitanu by’abihaye Imana. Mu mavuriro y’abihaye Imana, Uretse uburyo bwa Kamere nta bundi buryo bwo kuboneza urubyaro butangirwamo.

# TUBEGERE TUGANIRE: AMAFOTO AVUGA IBIKORWA BY'AKARERE MURI GAHUNDA YO GUKEMURA IBIBAZO BY'ABATURAGE MU UKWAKIRA 2024






Umurenge wa Mugunga ni umwe mu yibasiwe n'ibiza Umuyobozi w'Akarere Madame Mukandayisenga yasuye ku wa 3 Nzeri 2024.
Umuyobozi w'Akarere yasabye abaturage basenyewe n'ibiza kandi bibaruje mu bazahabwa isakaro, kubaka vuba bagasakara imvura itaratangira kugwa.
Yanasabye kandi abatuye ahashobora gushyira ubuzima bwabo mu kaga kuhimuka.

Binyuze muri Gahunda ubuyobozi bw'Akarere ka Gakenke bwashyizeho imaze kumenyekana cyane nka Tubegere tuganire, muri uku kwezi gushize k'Ukwakira abayobozi basuye kandi baganira n'abatuye mu Mirenge itandukanye, bungurana ibitekerezo ku iterambere ry'Akarere, imbogamizi bafite n'icyakorwa ngo barusheho kwihuta mu nzira y'iterambere.




## Nyuma yo kuganirizwa kuri gahunda za Leta zitandukanye, abaturage bahawe umwanya wo gutanga ibitekerezo, ibyifuzo n'ibibazo bihabwa umurongo

## Mu Murenge wa Mugunga

Ku wa 03/09/2024 Umuyobozi w'Akarere ka Gakenke, Madame Mukandayisenga Vestine ari kumwe n'abakozi b'Urwego rw'Igihugu rushinzwe Mine, Peteroli na Gaz, basuye uduce twibasiwe n'ibiza, mu Murenge wa Mugunga, bakangurira abaturage batuye mu manegeka kwimuka bakajya ahadashyira ubuzima bwabo mu kaga



# Uruzinduko rwo mu Murenge wa Coko

**Ku wa 12 Ukwakira 2024, Umuyobozi w'Akarere ka Gakenke Madame Mukandayisenga Vestine yasuye abaturage bo mu Murenge wa Coko muri gahunda ya Tubegere Tuganire**



Umuyobozi w'Akarere ka Gakenke Madame Mukandayisenga Vestine arimo gufatanya n'Abayobozi b'Umurenge wa Coko gukemura ibibazo by'abaturage



Umwe mu baturage bo mu Murenge wa Coko, Akagari ka Nyanza ubwo yagezaga ikibazo cye ku Muyobozi w'Akarere ka Gakenke, Madame Mukandayisenga Vestine



Abaturage bamugejejeho ibibazo birimo n'ibyo kuba nta mashanyarazi barahabwa, abizeza ko ubuyobozi bw'Akarere bugiye gukorana n'inzego zibishinzwe, abegereye amapoto y'amashanyarazi bakayahabwa

# Uruzinduko rwo mu Murenge wa GASHENYI

**Ku wa 12 Ukwakira 2024, Umuyobozi w'Akarere ka Gakenke Madame Mukandayisenga Vestine yasuye abaturage bo mu Murenge wa GASHENYI muri gahunda ya Tubegere Tuganire**



Madame Mukandayisenga Vestine yashimiye Abaturage ba Gashenyi uburyo bakomeje kwesa Imihigo



Abaturage bahawe umwanya wo gutanga ibitekerezo, ibyifuzo n'ibibazo bihabwa umurongo



# ABAYOBOZI N’ABAKOZI B’AKARERE BIFATANYIJE N’ABATURAGE MURI SIPORO RUSANGE BANAPIMWA INDWARA ZITANDURA

**Umuyobozi w’Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y’Abaturage, Mme UWAMAHORO Marie Thérèse yifatanyije n'abaturage n’abakozi muri Siporo rusange isoza Ukwezi kwa Nzeri.**

**Iyi Siporo yabaye ku wa 22 Nzeri 2024, yanatangiwemo ubutumwa bugaruka ku kamaro ka siporo, kwirinda no gukumira indwara, isuku n'isukura.**



**Madame UWAMAHORO Marie Thérèse yifatanyije n'abaturage n’abakozi muri Siporo rusange**



**Abanyeshuri bari mu bitabiriye iyi siporo rusange isoza Ukwezi kwa Nzeri 2024**



**Nyuma ya Siporo, Madame UWAMAHORO Marie Thérèse yisuzumishije indwara zitanduka**



**Abitabiriye Siporo bahawe ikiganiro ku kamaro kayo, ibimenyetso by’indwara zitandura n’uburyo bwo kuzirinda**

# ITSINDA RY’ABAYOBOZI BO MURI REPUBULIKA YA CAMEROON BASUYE AKARERE KA GAKENKE

**Umuyobozi w’Akarere ka Gakenke, Mme Mukandayisenga Vestine yakiriye Itsinda ry’Abayobozi bo muri Repubulika ya Cameroon abasangiza akamaro n’isomo bakura mu guha Umugore amahirwe yo kwitabira imyanya ya Politiki n’inzego zifatirwamo ibyemezo, by’umwihariko mu nzego z’ibanze.**



**Nyuma y’ibiganiro, Ubuyobozi bw’Akarere bw’ashyikirije aba bashyitsi impano bwabagenewe**



**Abayobozi bo muri Repubulika ya Cameroon basuye akarere ka Gakenke**

**Aba bayobozi bakiriwe ku biro by’Akarere ku wa wa 19 Nzeri 2024, basobanuriye byimbitsi uburyo u Rwanda rwabashije guha amahirwe umugore yo kwinjira muri politiki n’imyanya ifatirwamo ibyemezo, akamaro bifite mu iterambere ry’Igihugu.**



**Umuyobozi w’Akarere ka Gakenke, Madame Mukandayisenga Vestine yabasangije akamaro ko guha amahirwe umugore yo kujya mu myanya ifatirwamo ibyemezo**



# UMURENGE WA GASHENYI WAHIZE IYINDI MU MARUSHANWA Y'ISUKU, UMUTEKANO NO KURWANYA IMIRIRE MIBI WAHEMBWE MOTO




Ku wa 13 Nzeri 2024, Umuyobozi w’Akarere ka Gakenke, Madame Mukandayisenga Vestine yashyikirije Umunyamabanga Nshingwabikorwa w’Umurenge wa Gashenyi, Nkurunziza Jean Bosco, igihembo cya Moto Umurenge wagenewe mu rwego rwo kuwushimira ko wahize iyindi mu marushanwa y'isuku, isukura, umutekano no kurwanya imirire mibi, yateguwe n'inzego z'umutekano.



Iyi moto yayishyikirijwe nyuma y’umunsi umwe abahagarariye Polisi y’Igihugu bayishyikirije Akarere, aho yakiriwe n’Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage, UWAMAHORO Marie Thérèse.




Umunyamabanga Nshingwabikorwa w’Umurenge wa Gashenyi, Nkurunziza Jean Bosco, yavuze ko iki gihembo kigiye kongerera imbaraga abatutage n’ubuyobozi muri rusange zo gukora cyane kugira ngo bakomeze kwesa imihigo.

# GAKENKE: HAMURITSWE IBIKORWA BY'UMUSHINGA ORORA WIHAZE UGAMIJE KURWANYA IMIRIRE MIBI

**Umushinga ORORA wihaze n'abafatanyabikorwa bawo muri gahunda yo kurwanya imirire mibi n'igwingira ry'abana bamuritse ibikorwa byabo mu Karere ka Gakenke.**





**Iri murikabikorwa ryari rifite insanganyamatsiko igira iti "Kuzamura imirire Iboneye binyuze mu kunoza amasoko n'imirire y'ibikomoka ku matungo".**

**Iki gikorwa cyabaye ku wa 27 Nzeri 2024, cyitabirwa n'Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, NIYONSENGA Aimé François.**

**Yashimye uruhare rw'umushinga ORORA WIHAZE mu gushishikariza no gufasha abaturage mu bijyanye no gutegura indyo yuzuye, iriho ibikomoka ku matungo, avuga ko bikomeje gutanga umusaruro mu guhangana n'ikibazo cy'igwingira n'imirire mibi mu bana bato**



# ABAYOBOZI B’AMASHURI BUNGIRIJE BASHINZWE AMASOMO BAHUGUWE KU NSHINGANO ZABO

**Abayobozi b’amashuri bungirije bashinzwe amasomo mu Karere ka Gakenke bahawe amahugurwa agamije kubafasha kumva no gusobanukirwa inshingano bahawe. Aya mahugurwa bayaherewe mu Murenge wa Nemba w’Akarere ka GAKENKE ku wa 06/09/2024.**



Umuyobozi w’Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, NIYONSENGA Aimé François, afungura amahugurwa

**Aba bayobozi b’amashuri bavuze ko aya mahugurwa bayaherewe igihe kandi ko agiye kubafasha kuzuza inshingano zabo, cyane ko mu gihe abayobozi b’amashuri badahari aribo basigarana inshingano zabo by’agategenyo.**



Aba bayobozi b’amashuri Bungirije Bashinzwe amasomo bavuze ko amahugurwa azabafasha kuzuza inshingano bahawe

**Umuyobozi w’Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, NIYONSENGA Aimé François, yashimiye aba bayobozi b'amashuri bungirije bashinzwe amasomo uruhare bagize mu kuzamura ikigero cy'imitsindire y'abanyeshuri mu bizamini bya Leta muri aka Karere.**



Aya mahugurwa bayahawe ku bufatanye n’Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibizamini n'Ubugenzuzi bw'Amashuri

This Newsletter was produced by
NSENGIMANA Evariste

Public Relations, Media and Communication Officer at GAKENKE District

CONTACTS:
Telephone: 0788972522

Email: nsengimana.evariste@gakenke.gov.rw